Rwanda Standards Board

Kigali, on. 20/04/2017
Ref: 0732/RSB/DG/QAU/17

Bwana/Madamu,

_____

_____

Impamvu: Kumenyeshwa ko mugomba gucuruza ibikomoka ku mata byujuje Ubuziranenge

Muri gahunda ya Leta yo guteza imbere ibikorerwa iwacu (*Made in Rwanda*), gushyira mu bikorwa Amabwiriza ya Minisitiri N° 001/11.30 yo ku wa 10/02/2016 agena ikusanyirizo, igemurwa, n'igurishwa ry'amata, ndetse na gahunda yo gushyira mu bikorwa imyanzuro y'inama nyunguranabitekerezo yabaye ku itariki ya 29 Werurwe 2017 kuri Nobleza Hotel, yahuje Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) n'abantu bose batuganya, bakanashyira ku isoko amata n'ibiyakomokaho;

RSB iributsa ko kuva mubonye iyi baruwa, mutazongera kwakira ibikomoka ku *mata* bitujuje ubuziranenge kandi bidafite ikirango cy'ubuziranenge. Abantu bemerewe kugemura ibyo biribwa ni abafite uburyo bwemewe bwo gutunganya ibikomoka ku mata kandi bigaragazwa n'icyo kirango cy'ubuziranenge.

Muramenyeshwa ko nyuma yo kubona iyi baruwa ibizafatirwa aho mukorera cyangwa mu bubiko bwanyu bizafatirwa ingamba nk'uko biteganywa n'amategeko.

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge gisabye inzego zose zirebwa n'uyu mwanzuro gukurikirana no kurwanya igemura ry'ibyo bicuruzwa bidafite ubuziranenge.

Tubaye tubashimiye imikoranire myiza mudahwema kutugaragariza.

Mugire amahoro.

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB) REPUBULIKA Y'U RWANDA

Raymond MURENZI
Umuyobozi Mukuru

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri/MINEACOM
- Umunyamabanga Uhoraho/MINALOC
- Umuyobozi Mukuru/RNP
- Umuyobozi w'Akarere (bose)